FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali
E-mail : sgoffice@ferwafa.com
Web site : www.ferwafa.rw

ITANGAZO RIGENEWE AMARERERO YIGISHA UMUPIRA W'AMAGURU NA ACADEMIES MU RWANDA

Dushingiye ku nama yabaye ku wa 14 Ukwakira, 2026 yahuje ishami rishinzwe tekinike n'iterambere by'umupira w'amaguru muri FERWAFA, igamije gushyiraho uburyo bwo kwiyandikisha no gushyira amarerero mu byiciro, kunoza imikorere yayo, kurengera abakinnyi bakiri bato babarizwa muri ayo marerero no gukemura ibibazo bijyanye n'urujya n'uruza (transfers) by'abakinnyi hashingiwe ku mategeko agenga umupira w'amaguru ;

FERWAFA iramenyesha amarerero yose yigisha umupira w'amaguru na academies bikorera mu Rwanda ko bisabwa gutanga amakuru binyuze kuri linki ikurikira: **https://forms.gle/xgFxTNMqBZDbRkuy6**

Ibi bizashingirwaho mu kumenya amarerero akorera mu Rwanda, ibyiciro byayo, ndetse no gutanga impushya zo gukora *(registration, categorisation and licencing).*

Bityo rero, murasabwa gutanga amakuru y'ukuri, kandi mugihe cyagenwe. Itariki ntarengwa yo kuzuza no kohereza amakuru ni ku wa **31 Mutarama 2027**.

Ku bindi bisobanuro bijyanye n'ubufasha mu kuzuza amakuru yasabwe mwahamagara aba bakurikira:

No	Amazina	Intara	Telefoni
1	NTAKIRUTIMANA Emmanuel	Kigali	0788698714
2	KURADUSENGE Saidi	Amajyaruguru+ Rubavu,Rutsiro,Karongi, Nyabihu , Ngororero	0783150280
3	SINAMENYE Louis	Amajyepfo+ Rusizi na Nyamasheke	0783336679
4	BENIMANA Richard	Uburasirazuba	0787066892

Mugire amahoro.

Bikorewe i Kigali ku wa 28/10/2026

Signed by:
3EF630CC6710468...

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali

Bonnie MUGABE
Umunyamabanga Mukuru